
# UBUTUMWA NYIRUBUTUNGANE PAPA BENEDIGITO WA CUMI NA BATANDATU YAGENEYE UMUNSI MPUZAMAHANGA WA 49 WO GUSABIRA IHAMAGARWA RY'ABIYEGURIRIMANA

## INGINGOREMEZO :
## « UMUHAMAGARO NI INGABIRE Y'URUKUNDO RW'IMANA »

**Ku wa 29 Mata 2012 – Icyumweru cya 4 cya Pasika**



**Nyirubutungane Papa Benedigito wa XVI**

# UBUTUMWA NYIRUBUTUNGANE PAPA BENEDIGITO WA CUMI NA BATANDATU YAGENEYE UMUNSI MPUZAMAHANGA WA 49 WO GUSABIRA IHAMAGARWA RY'ABIYEGURIRIMANA

**KU WA 29 MATA 2012 – ICYUMWERU CYA 4 CYA PASIKA**

***Umuhamagaro ni ingabire y'urukundo rw'Imana.***

Bavandimwe nkunda,

**U**munsi Mpuzamahanga wa 49 wo gusabira Ihamagarwa ry'Abiyeguririmana, uzahimbazwa ku itariki ya 29 Mata 2012, ku cyumweru cya 4 cya Pasika, uduhaye umwanya wo kuzirikana iyi ngingo remezo: ***Umuhamagaro ni ingabire y'urukundo rw'Imana.***

Imana ni yo soko y'urukundo rushyitse - *Imana ni Urukundo* - : « Umuntu uhorana urukundo aguma mu Mana, na Yo ikamugumamo » (1Yh 4,16). Ibyanditswe Bitagatifu bitubwira amateka y'iyo sano yo mu ntangiriro hagati y'Imana na muntu, yabanjirije ibyaremwe byose. Mu ibaruwa yandikiye Abanyefezi, Pawulo Mutagatifu atera indirimbo yo gushimira no gusingiza Imana Data, Yo, mu

buntu bw'igisagirane uko ibihe byagiye bisimburana, yujuje umugambi wayo w'urukundo wo gucungura isi. Nk'uko Pawulo Mutagatifu abyemeza, muri Kristu Imana « yadutoreye muri We nyine, mbere y'ihangwa ry'ibiriho byose, kugira ngo tuzayihore imbere mu rukundo, turi intungane n'abaziranenge » (Ef 1,4). Bityo, Imana yadukunze « mbere » y'uko tubaho ! Yaturemye idukuye mu busa (reba 2 Mak 7, 28), ibitewe n'urukundo rwayo ntacyo iduciye kugira ngo tugirane na yo umushyikirano wuzuye.

**U**bwo yitegerezaga uburanga bw'ibyaremwe, umuririmbyi wa zaburi yatangariye ubuntu bw'Imana agira ati : « Iyo nitegereje ijuru ryaremwe n'ibiganza byawe, nkareba n'inyenyeri wahatendetse, ndibaza nti « Umuntu ni iki kugira ngo ube wamwibuka ? Mwene muntu ni iki kugira ngo ube wamwitaho ? » (Zab 8, 4-5). Ukuri nyako k'ukubaho kwacu tugusanga muri iri yobera ritangaje : icyaremwe cyose, by'umwihariko umuntu, gikomoka ku gitekerezo no ku gikorwa cy'urukundo rw'Imana, urukundo rw'igisagirane, rudahemuka kandi ruhoraho (reba Yer 31, 3). Kumenya uko kuri bituma ubuzima bwacu buhinduka byimazeyo. Mu gitabo kivuga ubuzima bwe, hari ahantu hazwi cyane Mutagatifu Agustini agaragaza cyane uburyo yamenye Imana, yo buranga bw'akataraboneka n'urukundo ruhebuje, Imana yari isanzwe imuba hafi nyuma akaza kuyikingurira umutima we na roho ye maze arahinduka : « Mbega ukuntu nakererewe kugukunda Bwiza bwahozeho kandi buriho, nakererewe kugukunda ! Nyamara wiberaga muri jye, gusa njyewe nkibera ahandi akaba ariho

ngushakira. Nkiri mu bwandure bwanjye, nagushakiraga mu byo waremye byawe byiza. Wari kumwe nanjye ariko jye nkaba kure yawe. Nkiri kure yawe ibyo biremwa byamberaga inkomyi sinkugereho. Nyamara ntibishobora kubaho atari ku bwawe. Warampamagaye, urangurura ijwi, unzibura amatwi. Waramurikiye maze uburanga bwawe bumvura ubuhumyi; wasakaje umubavu wawe, narahumetse, nariruhukije. Narasogongeye maze ngira inzara n'inyota; wandamburiyeho ikiganza cyawe maze nifuza bikomeye amahoro yawe » (Confessions X, 27.38). Muri iyo mvugo ijimije Mutagatifu Agusitini, Umwepiskopi wa Hippone, agerageza gusobanura iyobera rye ryo guhura n'Imana n'urukundo rwayo ruhindura ubuzima.

**U**rwo rukundo rutiziganya rutugenda imbere, rukadushyigikira, rukadushishikaza mu rugendo rw'ubuzima; urwo rukundo ni narwo rushinga imizi mu buntu buhebuje bw'Imana. Ashingiye by'umwihariko ku murimo w'ubusaseridoti, uwambanjirije, Umuhire Papa Yohani Pawulo wa Kabiri yemeza ko : « Umurimo wose wa gisaserdoti uganisha ku gukunda no gukorera Kiliziya; unatuma turushaho gukura mu rukundo no kwitangira ubutumwa bwa Kristu we Mutwe, Umushumba n'Umukwe wa Kiliziya. Urwo rukundo rwigaragaza nk'igisubizo ku rukundo rw'Imana rwa kibyeyi rwihariye kandi rwuje ubuntu muri Kristu (Ibaruwa *Pastores dabo vobis, 25*). Bityo buri muhamagaro wihariye ukomoka ku Mana ifata iya mbere, *ni ingabire y'urukundo rw'Imana* ! Ni Yo itera intambwe ya mbere bidaturutse ku bwiza bwihariye

yatubonyeho, ahubwo ibitewe n'urukundo rwayo « rwabuganijwe mu mitima yacu na Roho Mutagatifu » (Rom 5,5).

**B**uri gihe mu ntangiriro y'umuhamagaro w'Imana habanza urukundo rutagira urugero rwigaragaza byuzuye muri Yezu Kristu. Nk'uko nabyanditse mu nyandiko *Imana ni urukundo (Deus caritas est) : «* Koko rero, Imana yigaragaza ku buryo bwinshi. Mu nkuru zivuga urukundo Bibiliya idutekerereza, Imana iradusanga, ishaka kutwiyegereza – kugeza ku Isangira rya nyuma, mu Mutima wahinguranyijwe n'icumu ku Musaraba, mu mabonekerwa nyuma y'Izuka no mu bikorwa bikomeye byakorwaga n'Intumwa ; Imana yayoboye Kiliziya yari ikimara kuvuka. Ubundi kandi, na nyuma y'aho mu mateka ya Kiliziya, Nyagasani ntiyaretse kwigaragaza ; buri gihe aza adusanga mu bantu, mu Ijambo rye, mu Masakaramentu, cyane cyane mu Karistiya » (N. 17).

**U**rukundo rw'Imana ruhoraho iteka, ni indahemuka, ihora yibuka « ijambo yarahiriye amasekuruza igihumbi » (Zab 105 [104], 8). Ni ngombwa rero kongera gutangariza by'umwihariko abantu b'iki gihe ubwiza butangaje bw'urwo rukundo rw'Imana rutugenda imbere kandi rukanaduherekeza; ku buryo butagaragara ni rwo rudukomeza; rukomeza iteka imigambi yacu y'ubuzima ndetse no mu bihe bikomeye cyane.

Bavandimwe, urwo rukundo ni rwo tugomba kwegurira ubuzima bwacu kandi urukundo rwuzuye rw'Imana Data (reba Mt 5,48), ni rwo Kristu aduhamagarira buri munsi! Intera ihanitse y'ubuzima bwa gikristu ni ugukunda nk'Imana; ni urukundo rwigaragariza mu bwitange butiziganya, budahemuka kandi bwera imbuto. Mutagatifu Yohani w'Umusaraba amaze guhagarikwa mu muryango we yasubije umukuru wa Monasiteri y'i Segovi (ho mu gihugu cya Espagne) wari ubabajwe n'iryo hagarikwa amuhamagarira gukurikiza umugambi w'Imana agira ati: « Ntugire ibindi utekereza, menya ko byose bigenwa n'Imana; kandi ahatari urukundo muhashyire urukundo, bityo muzasarura urukundo (Ibaruwa, 26).

Imihamagaro yose ikomoka kandi ikurira mu kwiyegurira urukundo rw'Imana no kugaragaza imbuto zarwo. Igihe abantu bavoma kuri iyo soko y'urukundo rw'Imana mu isengesho, bihatira kumva Ijambo ryayo kandi bahabwa amasakaramentu, by'umwihariko Ukaristiya, bashobora kubanira mu rukundo bagenzi babo Kristu Nyagasani yigaragarizamo (reba Mt 25, 31-36). Kugira ngo ashobore kugaragaza isano ndatana iri hagati y'« urwo rukundo ruri ukubiri » -urukundo dukunda Imana n'urwo dukunda mugenzi wacu- urukundo ruva ku Mana kandi ruyiganaho, Papa Gregori Mukuru arugereranya n'urugemwe rutoya agira ati: « Mu murima w'umutima wacu, Imana yabanje guteramo umuzi w'urukundo tuyifitiye, maze nk'igihe amababi amaze kwigaragaza urukundo rwa kivandimwe

rurasakara » ( *Moralium Libri, sive expositio in Librium B. Job*, Lib. VII,cap.24,28; PL 75,780D).

**G**ukunda Imana na mugenzi wacu bigomba kugaragazwa cyane by'umwihariko n'ubushake n'umutima ukeye ku bashakisha inzira y'umuhamagaro wa gisaserdoti no kwiyegurira Imana. Urwo rukundo ni kimwe mu bibaranga. N'ubwo urwo rukundo rwaba rudashyitse, ni rwo shingiro ry'ukwiyegurira Imana ku buryo budasanzwe, haba mu ntera y'ubusaserdoti cyangwa se mu masezerano ashingiye ku nama z'Ivanjili (ubukene, ubusugi no kumvira). Ubwo Petero Mutagatifu yabwiraga Yezu Umwigisha ati: « Yego Nyagasani uzi ko ngukunda » (Yh 21, 15), icyo gisubizo gihamye kigaragaza ibanga ry'ubuzima bwitanze ku buryo bwuzuye kandi burangwa n'ibyishimo nyabyo.

**U**bundi kandi urukundo tugaragariza mugenzi wacu, cyane cyane abakene n'abababaye, rutuma umusaserdoti n'uwiyeguriyimana bitangira umubano mwiza mu bantu kandi bakabaremamo amizero mahire. Umubano uhuza Abiyeguriyimana, Abasaserdoti n'umuryango w'abakristu ni ingenzi kandi bagomba kuwuharanira buri gihe. Kuri iyi ngingo Mutagatifu Yohani Mariya Viyani, Padiri mukuru wa Ars, yakundaga kuvuga ngo « umupadiri ntabereyeho we ubwe, abereyeho mwebwe » (*Le curé d'Ars. Sa pensée- Son coeur*, Foi Vivante, 1966, p.100).

**B**episkopi, bapadiri, badiyakoni, biyeguriyimana, bakateshisti, bogezabutumwa namwe mwese mwitangira

uburere mu rubyiruko rw'iki gihe, ndabashishikariza gutega amatwi abantu bose bo mu maparuwasi, mu miryango y'Agisiyo Gatolika biyumvamo ibimenyetso by'umuhamagaro wa gisaseridoti cyangwa uwo kwiyegurira Imana. Ni ngombwa ko mu Kiliziya haboneka uburyo bufasha abantu benshi gusubiza «karame Nyagasani», bakakira batyo urukundo rw'Imana.

Abashinzwe umurimo w'ihamagarwa bafite inshingano zo gutanga imirongo ngenderwaho itanga umusaruro. Bazahe umwanya w'ibanze Ijambo ry'Imana bihatira gusoma Ibyanditswe Bitagatifu, baha umwanya uhagije isengesho bwite n'irya rusange kugira ngo bashobore kumva ijwi ry'Imana batarangajwe n'ibindi bumva buri munsi. Ariko by'umwihariko, bazabagaragarize ko Ukaristiya ariryo pfundo ry'ubuzima mu nzira yo kwiyegurira Imana. Niho dusanga urukundo rw'Imana rutwigaragariza mu gitambo cya Kristu, urangwa n'urukundo rushyitse. Niho twigira iteka kubaho dukurikiza urukundo rw'Imana rutagerereranywa. Ijambo ry'Imana, isengesho n'Ukaristiya ni ubukungu bukomeye bugaragaza ubwiza bw'ubuzima bw'abitangira Ingoma y'Ijuru.

Ndifuza ko za Diyosezi, mu byiciro byazo binyuranye, ziba ahantu hafasha abasore n'inkumi gushishoza no kumenya neza umuhamagaro wabo, bagahabwa ubufasha nyabwo kandi bukwiye mu bya roho. Igihe abakristu bita ku bahamagawe baba bagaragaza urukundo rw'Imana rwita ku bahamagarwa. Ubwo bwitange bw'umuryango w'Imana

buhuje n'itegeko rishya ryo gukundana Yezu yadusigiye; ubwo bwitange tubusanga by'umwihariko mu ngo z'abakristu bakundana, berekana urukundo Kristu ubwe akunda Kiliziya ( reba Ef 5, 32). Mu ngo z'abakristu zibanye neza kandi zikundana (reba *Gaudium et spes 48*), urubyiruko rushobora kuhigira urukundo rwitangira abandi. Mu by'ukuri mu ngo z'abakristu ntihatangirwa gusa uburere busanzwe bwa kimuntu n'ubwa gikristu, ahubwo ni n'ahantu hashobora kuba seminari « y'ibanze kandi nziza itegura umuhamagaro wo kwitangira Ingoma y'Imana » (Ibaruwa *Familiaris consortio*, 53); muri izo ngo urubyiruko ruhamenyera ibyiza n'akamaro k'ubusaserdoti no kwiyegurira Imana. Ndifuza ko abashumba ba Kiliziya n'abalayiki barushaho gufatanya kugira ngo izo ngo zirangwa n'ubumwe n'ubwumvikane, zigwire zikurikiza urugero rw'Urugo Rutagatifu rw'i Nazareti, rushushanya ku isi ubuzima bw'Ubutatu Butagatifu.

**N**dangije mbaha mwese mbikuye ku mutima umugisha wa gishumba mwebwe Bepiskopi, bapadiri, badiyakoni, biyeguriyimana namwe balayiki, by'umwihariko mwebwe basore n'inkumi muteze amatwi ijwi ry'Imana kandi mwiteguye kuryakirana ubwitange n'ubudahemuka.

*Bikorewe i Vatikani, ku wa 18 Ukwakira 2011.*

**Papa Benedigito wa XVI**

***Byahinduwe mu Kinyarwanda kandi byandikishwa n'itsinda OPM-RWANDA***